# 176: We kwumvir' Umubi ujy' agushuka.

1.
We kwumvir' Umubi ujy' agushuka. Umwumviye wese ab' acumuye: Wamutsinda none kubw' Umukiza, Byagufash' ubundi kujy' umunesha.

Ref:
Saba Yes' agufashe, Agukize mu moshya; Azahor' akurinda, Akuneshereze.

2.
Wirind' ubucuti bw'abantu babi; : Bakunda kukoshya gukor' ibibi. Ntukavug' ijambo ritey' isoni, Wubahe n'izina ry'Jmana yera.

3.
Ujy' ugira neza, ufash' abandi; Wirinde kubeshya, ahubw' ujy' uba Inyangamugayo, kukw iby' ari byo Bikundwa na Yesu ujy' agufasha.

4.
Unesha Satani byamwandikiwe Kw azahabw' ikamba n'Umwami Yesu.Tugir' intege nke, nyamara Yesu Ni we Mutabazi, udushoboza.

Visit us at indirimbo.com